

IKINYARWANDA I

009

20/11/2018 2 PM-5 PM



Rwanda Education Board

IKIZAMINI CYA LETA GISOZA IKICIRO RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE, 2018

IKIZAMINI: IKINYARWANDA I

IGIHE KIMARA: AMASAHU 3

AMABWIRIZA:

- 1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
- 2) Ikizamini kigizwe n'ibibazo 20. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye.
- 3) Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
 - **Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko** (amanota 23)
 - **Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo** (amanota 24)
 - **Igice cya gatatu : Ubumenyi rusange bw'ururimi** (amanota 38)
 - **Igice cya kane : Ihangamwandiko** (amanota 15)
- 4) Subiriza mu ikaye yabugenewe wubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
- 5) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
- 6) Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.
- 7) Kirazira kugaragaza amazina yawe, ay'ishuri wigamo cyangwa ibindi bikuranga ku ihangamwandiko n'ahandi hose hatabugenewe ku ikayi y'ibisubizo.
- 8) Ukurikize amabwiriza ari ku bibazo.
- 9) Koresha gusa ikaramu **y'ubururu** cyangwa **y'umukara**.

KWIHANGANA

Umuntu wese yifuza kumererwa neza, akagira ibintu, akabigiramo amahoro. Abanyarwanda bo bati: “Hahirwa ubyara, agatunga, akaramba.”

Nyamara ubuzima bw’abantu ntibugirwa n’ibyishimo, ishya n’umudendezo gusa. Haziramo ibyago, amakuba, umuntu akaba muri urwo ruja n’uruza kuva avuka kugeza yitaruye. Yego si ko abantu bose barazwe umuruho, ariko abagashize ni mbarwa kuri iyi si.

Ubonye umuntu ngo aragira ibya Mirenge akabura ababirya! Hakabaho ubwo uwo mugaga ababara umubabaro agacika ururondogoro, akagenda aganyira abahisi n’abagenzi ko nta kana. Byacambwaho akaboneza iy’abapfumu n’abacunyingo ye baba bagira icyo bamumarira. Uko kwihangana kwe guke kugatuma agaragarira ubusa, akarutwa n’umutindi nyakujya. Ariko hari ababura urubyaro bakihangana, bagategereza. Haca iminsi Imana ikabagoboka, bakabona abana babanogeye. Bene abo bishima kurusha ba bandi babandagaje bakabarumbira, maze bakicuza icyo bababyariye. Ngo: “Kubyara ni ishyano no kutabyara ni irindi.”

Ubundi ugasanga urugo rwuzuye abana bicira isazi mu jisho. Ababyeyi ubukene bukabugariza; bakabura epfo na ruguru. Hatagira ikibagoboka mu maguru mashya, bamwe muri abo bana bagasonza inzara ndende, bagatorongera, bakagegera. Naho abihanganye bagatungwa n’uduke babonye, bagashyiraho umwete bagakora, rubanda rubagirira impuhwe, rukabasakira, bakagera igihe na bo beza. Ako kanda kagacika katabahitanye.

Wa mugani wa wa Munyarwanda “Uhigira igisambu igisebe gihigira ruseke.” Ushobora kwicinya icyara uzi ko hari icyo uzimarira cyangwa se ko amahirwe azagusekera. Byose bikaguca mu myanya y’intoki. Utakwiyumanganya ukaba wahinduka igishushungwe. Hari na bamwe usanga bakubita agatoki ku kandi, ngo ntibameze nka bagenzi babo, ngo baradamaraye bo bahangayitse. Uko kutihangana kwabo ni ko kubyara inzangano n’inabi nyinshi. Nyamara hari n’abatwarira iyo rigoramiye,

bakikomeza, bakemera urugero barimo kugira ngo bizamure, bagahora bakeye nta ntugunda.

Burya no kwihanganira uguhemukiye bikiza byinshi. Nta kibabaza nko guhemukirwa n'umuntu mwaganiriye, mwasangiye akabisi n'agahiye nyuma akaguhinduka. Akakwanga urwango rukabije. Bitera agahinda, ukayoberwa aho bivuye, rimwe na rimwe ugasigara wibaza aho ubwo bucuti bwari bushingiye. Ariko urengejeho nturakare uburakari butigarura, ukamureka akishyira akizana, amaherezo murashyira mukazigorora, mukabana neza bitambutse ibya mbere aho gukurura inzangano z'urudaca.

Upfushije umwana ari uruhinja cyangwa se akuze, amusigira intimba ikomeye. Ubuze ababyeyi bari bamufatiye runini, inshuti y'inkoramutima, umuvandimwe, urungano se, bimutera agahinda bikamushavuze. Yewe hari n'abo bikukiramo bagasa n'abataye umutwe. Nyamara urenzaho, agashinga iryinyo ku rindi, umubonye ntacyo amutoraho. Igihe kirahita ikindi kigataha, akagera aho asa n'uwabyibagiwe; intimba yamushenguraga ikayoyoka.

Wari uzi ko no kurwara indwara umuntu akarembe bikanamukurizamo no gupfa urupfu rubi na byo byaturuka ku bwihebe bw'umurwayi? Akarara butunda atekereza ko atari buramuke? Ntagire icyo atamira; ntagire icyo anywa. Ayo maganya n'umuborogo bikamuhuta. Ariko uwikomeje, agashinyiriza, akiringira ko azakira, akenshi arakira koko. Agasinzira ibitotsi byinshi, akagarura ubuyanja.

Ibibabaza abantu ni byinshi ntawabiva imuzingo. Gusa ik'ingenzi ni ukwiyumanganya, umuntu akarwanya ubwihebe. Bene uwo udahindishwa imishyitsi n'ibizira ni we ushobora no kuramba. Naho ushya ubwoba, agacika intege, akabura icyo afata n'icyo areka, agahora yigunze ntatera kabiri. Ni koko kwihangana kunesha amakuba menshi kukabyara umubano n'ibyishimo. Uwo murage w'abakurambere bacu twari dukwiye kuwubumbatira, tukawutora tukawutoza urubyiruko; bityo Abanyarwanda tugahora turi abagabo bashikanye, badakangwa n'ibirumbaraye. Uwihanganye ntiyandura.

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (Amanota 23)

- 1) Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura igisubizo cyawe. (amanota2)
- 2) Erekanu ukuntu ubuzima bw'umuntu kuri iyi si buhora buhindagurika. Ese ni iki yakora kuri iryo hindagurika ? (amanota 2)
- 3) Ukurikije uyu mwandiko erekanu ko « kugira ubutunzi atariko gushira agahinda. » (inota 1)
- 4) « Uhigira igisambu igisebe gihigira ruseke. » Uwo mugani ushatse gusobanura iki ? Tanga undi mugenurano waba usobanura kimwe n'uyu. (amanota 3)
- 5) «Hakabaho ubwo uwo mugaga **ababara umubabaro** agacika ururondogoro....» Ni iki umwanditsi yashatse kwerekana akoresha ubu buryo « **kubabara umubabaro** » ? Erekanu izindi nteruro ebyiri muri uyu mwandiko aho umwanditsi yakoresheje ubu buryo. (amanota 3)
- 6) Sobanura impamvu bavuga ko « kubyara ari ishyano no kutabyara rikaba irindi.» (amanota 2)
- 7) (a)Garagaza ingero ebyiri muri uyu mwandiko zerekana ko kwihangana bigira umumaro. (amanota 2)
(b)Erekanu ingaruka ebyiri zo kutihangana wifashishije ingero dusanga muri uyu mwandiko. (amanota 2)
- 8) Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko : (amanota 6)
 - (a) Umudendezo:
 - (b) Umugaga:
 - (c) Gucika ururondogoro:
 - (d) Rubanda rukabasakira:
 - (e) Kwicinya icyara:
 - (f) Agaca akatsi:

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (Amanota 24)

- 9) Andika ngenga ku nshinga n'inteko ku mazina, ntera n'ibinyazina by'amagambo aciyeho umurongo: **(amanota 5)**
- (a) Mu buzima ni ngombwa kwihangana aho turi hose.
 - (b) Hakabaho ubwo uwo mugaga acika ururondogoro.
 - (c) Uko kwihangana kwe guke kugatuma agaragarira ubusa.
- 10) Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho umurongo **(amanota 5)**
- (a) Ibibi n'ibyiza birajyana mu buzima bwa buri munsu.
 - (b) Ushobora kwicinya icyara uzi ko hari icyo uzimarira hakiri kare.
- 11) Kora interuro ngufi zirimo ibi bikurikira: **(amanota 4)**
- Ikitonderwa:** Interuro igomba kugaragaramo nibura kimwe mu byasabwe
- (a) Inshinga iri muri ngenga ya kabiri y'ubwinshi
 - (b) Ikinyazina mbanziriza
 - (c) Umugereka w'uburyo
 - (d) Igisantera
- 12) Garagaza uturemajambo tw'amagambo aciyeho umurongo n'amategako y'igenamajwi yubahirijwe mu mpine. **(amanota 6)**
- (a) Akagenda aganyira abahisi n'abagenzi ko nta kana.
 - (b) Ntuzatsinda amasomo yawe mu gihe urangara mu ishuri.
 - (c) Kubana neza n'abandi ni ingirakamaro kuri buri wese.
- 13) Andika imimaro y'amagambo aciyeho umurongo: **(amanota 4)**
- (a) Bamwe baje mu gitondo cya kare.
 - (b) Hariga abakobwa gusa.
 - (c) Ababyeyi ubukene bukabugariza.
 - (d) Uhigira igisebe igisambu gihigira ruseke.

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (Amanota 38)

- 14) (a) Andika imvugwakimwe imwe (1) iboneka mu gika cya mbere cy'uyu mwandiko. **(inota 1)**
- (b) Tanga urundi rugero rw'imvugwakimwe urukoreshe mu nteruro ngufi zitandukanye. **(amanota 2)**
- (c) Imvugakimwe n'impuzashusho bitandukaniye he? Byerekanishe ingero. **(amanota 2)**
- (d) Tanga inyito eshatu z'inshinga "**kwakira**" wifashishije interuro ngufi. **(amanota 3)**
- 15) Garagaza ibintu bitatu bitandukanya umuvugo n'umwandiko usanzwe. **(amanota 3)**
- 16) Ica ibisakuzo bikurikira: **Sakwe sakwe!** **(amanota 5)**
- (a) Abakobwa bange barara bahagaze bwacya bakaryama!
- (b) Nahuye na cya matimbatimba cya maguru umunani kigiye kugura umunyu kwa mirongwitanu!
- (c) Nshukuye urwina sinatara!
- (d) Mfite inka yange nyiragira ku manga ntitembe !
- (e) Akababaje umugabo kamurenza impinga!
- 17) Ubutinde bw'imigemo n'amasaku **(amanota 11)**
- (a) Shyira amagambo akurikira mu matsinda ukurikije ubutinde bw'imigemo n'amasaku: **(amanota 6)**
- | | | |
|------------|--------------|-------------|
| - igitabo | - amabuye | - amagana |
| - urutare | - akabuto | - amaronko |
| - umugati | - ibishingwe | - urushinge |
| - umubande | - ikirenga | - ibibazo |
- (b) Andika interuro ikurikira ugaragaza ubutinde bw'imigemo n'amasaku Ubonye umuntu ngo aragira ibya Mirenge akabura abana bo kubirya! **(amanota 5)**

18) Andika amagambo ari mu dukubo ukoresheje amagambo yabugenewe:

(amanota 6)

- (a) Nahuye n'(abavuzi b'ingoma) (bikoreye ingoma).
- (b) Gatera agiye kuzana (agati bavurugisha amata) n'(umuheha bayanyweshya).
- (c) Turimo kumva impyisi (zivugira)mu (ntaho yazo).

19) Sobanura inshoberamahanga zikurikira:

(amanota 5)

- (a) Gutunga ibya Mirenge ku Ntenyo:
- (b) Kubunza imitima:
- (c) Kugenda mpiru na nyoni :
- (d) Kudacira ngo agwe:
- (e) Kugwa gitumo:

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (Amanota 15)

20) Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko uyandikeho ukurikije ibisabwa:

Ikitonderwa: Nuramuka wanditse ku nsanganyamatsiko irenze imwe zombi zizaba imfabusa.

- (a) Andika inyandikomvugo y'imigendekere y'Ikizamini k'Ikinyarwanda mu cyumba wakoreyemo. Wandike mu mazina ya KANEZA Karekezi wakoreye mu Rwunge rw'Amashuri rwa KAMI.
- (b) Andika itangazo rimenyesha abanyeshuri ko aho bagombaga gukorera ikizamini hahindutse uvuge n'impamvu. Wandike mu mazina ya HABINEZA Yohani Umuyobozi w'Urwunge rw'Amashuri rwa GISA ahagombaga gukorerwa ibizamini.

Ikitonderwa: Kirazira kugaragaza umwirondoro wawe uwo ari wo wose kuri iki kibazo k'ihangamwandiko.

Ipaji itariho ibibazo